



Inkingi Forces Démocratiques Unifiées United Democratic Forces

☎: (+250) 728636000 ✉ Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

☎: (+32)478973762, (+33)650293997

<http://fdu-rwanda.com>, <http://victoire-ingabire.com>

COORDINATING COMMITTEE-COMITE DE COORDINATION

“Pour un Etat de Droit, la Democratie et l’Egalité de chances” ; “For the rule of law, democracy and equal opportunity”

DUKORE POLITIKI MU MUCYO NA DEMOKARASI DUHARANIRA

Abantu bakwiye kureka kubangamira ukwishyira ukizana kwa buri muntu mu burenganzira bwo gukora politiki. Kubangamira uburenganzira bwa politiki biri mu byo dupfa n’ingoma ya FPR iyobowe na General Kagame Paul.

Muri FDU-Inkingi twemera ko ishyaka ari ishyirahamwe ry’abantu bahujwe n’ibitekerezo, babona ibintu mu cyerekezo kimwe, bahuje gahunda, imigambi n’uburyo bwo kubishyira mu bikorwa¹. Twemera ko abantu bafite uburenganzira bwo kwishyira hamwe, kugira ngo barengere inyungu zabo cyanga bagashyiraho amashyaka arwanira ubutegetsu, kugira ngo bazashobore gushyira mu bikorwa gahunda yabo yo guteza igihugu n’abagituye imbere uko babyumva.

Hari abantu bashinga amashyaka bagira ngo bagaragare, abandi kugira ngo bayategeke, abandi kugira ngo azabakamire bageze ku butegetsu. Iyo umuntu abona amashyaka ahari atarengera ibitekerezo n’inyungu ze, ashinga ishyaka rye. Ni yo mpamvu ari byiza ko abantu bashobora kwirebera bakiyumvira, bakihitiramo. Si ngombwa kandi ko abantu bose bakora politiki. Hari abantu batagira ishyaka barimo bakazashyigikira ibitekerezo by’ishyaka ribanogeye batora abakandida batanzwe n’ishyaka ngo bajye mu nzego z’ubutegetsu.

Muri FDU-Inkingi tugamije u Rwanda rwemera uko buri muntu wese ateye, kuko umwimerere wa buri muntu na kamere zitandukanye ari ubukire bw’igihugu butagira ingano; kandi koko *“umutwe umwe wifasha gusara, kandi umugabo umwe agerwa kuri nyina”*.

FDU yemera Demokarasi, ariko ntiyemera ko nyamwinshi yakwikubira ubutegetsu bwose cyanga ngo nyamuke yigire nk’umwana w’inkunguzi. FDU-Inkingi ishaka gufasha abanyarwanda gushyiraho ubutegetsu bubaha ijamba, tugafatanyaga gushyiraho ubuyobozi burengera kandi bukarenganura buri muntu, bubungabunga ubuzima bwa buri muntu, kandi bukamuha uburyo bwo kwivana mu bukene no mu bujiji; ubutegetsu butimakaza ubwigomeke no kuba intakoreka.

Tel : (+250)728636000, (+32)478973762, (+33)650293997, Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

<http://fdu-rwanda.com>, <http://victoire-ingabire.com>

Join us on **Facebook**: [http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-](http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547)

President/109504816547 - Watch us on **YouTube**: <http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> - Follow us

on **Twitter**: <http://twitter.com/VictoireUmuhoza>

FDU-Inkingi iharanira ubucamananza bujyanye n'ubutabera, butarobanura cyangwa ngo bube igikoresho cyo guhohotera no kurenganya abatavuga rumwe n'ubutegetsu. Dushyigikiye ko ingabo n'izindi nzego z'umutekano ziba iz'igihugu ntizibe iz'umuntu ku giti cyane cyangwa iz'agatsiko.

Umuntu cyangwa abantu bashinga ishyamba bakamurishakira abayoboke ukwo babyumva kandi babishoboye. Umunyarwanda wese afite uburenganzira bwo guhitamo ishyamba abona ririmo ibitekerezo bimunogeye, akaba yemera inzira zo kuzanyuramo kugira ngo bizashyirwe mu bikorwa. icyakora iyo hari ingoma y'igitugu nk'iri mu Rwanda, ntikunda kubyemera.

Iyo abantu bari mu ishyamba rimwe batacyumvikana ku migambi no ku ngamba, baratana, ugiye agashyamba irye nk'uko abanyumva. Si ngombwa ko uko abantu batangiranye ariko barangizanye.

Amashyamba yabayehoⁱⁱ ari menshi kandi n'ubu bucyavuka. Amwe yarivuguruye cyangwa arashyamba, andi yibumbira hamwe cyanga yiyubururamo andi. Si mu Rwanda gusa kandi biba, mu bihugu bimenyereye Demokarasiⁱⁱⁱ, amashyamba yishyirahamwe, agakora amahuriro cyangwa akumvikana ku bufatanye mu buyobozi bw'igihugu. Iyo atagishoboye kumvikana kuri gahunda yiyemeje, asesha imitegekere/guverinoma aba yashyizeho.

Muri iki gihe hari impaka z'urudaca zivugaga zibaza impamvu amashyamba y'abanyarwanda baba mu mahanga adafatanyaga. Abandi ndetse bakagaca bati kuki abahutu badafatanyaga; abandi bati nako ni indaya mu bya politiki cyanga aratugambanira, n'ibindi n'ibindi.

Kuva ku ngoma ya cyami kugeza na n'ubu twamenyereye kuyoborwa ntacyo tuvugaga (*Irivuze umwami, kuba mu bwato bumwe, ...*), tukemera ko imbyino nyiri urugo ateye ariyo yikirizwa. Nyamara n'ubwo koko byaba ari byo ku giti cy'umuntu, kuko umuntu yihitiramo inshuti, waba udashyamba amahane mu rugo rw'umuntu ukajya mu rwawe, ikibazo ni uko hari n'abagize u Rwanda nk'akarima cyanga urugo rwabo. Abantu ntibakomeze kwibeshya, kuko kuva aho duhungiye, bamwe tukagera mu bihugu bifite demokarasi, cyane cyane urubyiruko twazanyaga, abenshi twarahumutse.

Abanyarwanda bakunze guhuzwa n'umuryango, akarere cyanga amoko bakomokamo. Ibyo guhuzwa n'ibitekerezo si ibya kera cyane, kuko byatangiranye n'abarwanashyamba ba mbere, bashyamba kurengera inyungu za rubanda rugufi mu gihe cy'ingoma ya cyami muri za 1956. Umuntu si ngombwa ko akorana politiki n'inshuti cyanga abavandimwe. Ishyamba ni ishira hamwe rihuza abantu basangiye ibitekerezo n'uburyo bwo kubigeraho. Aha niho nemera ko iyo umuntu atatiye igihango, abo basangiye urugamba n'imyumvire bashobora kuvugaga ko yabagambaniye.

Tel : (+250)728636000, (+32)478973762, (+33)650293997, Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

<http://fdu-rwanda.com>, <http://victoire-ingabire.com>

Join us on **Facebook**: <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> - Watch us on **YouTube**: <http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> - Follow us

on **Twitter**: <http://twitter.com/VictoireUmuhoza>

Muri Repubulika ya mbere habaye amashyaka menshi, mu y'imenya twavugaga ni MDR-Parmehutu, UNAR, APROSOMA, na RADER. Mu ya kabiri, nyuma y'ishyamba rukumbi MRND, cyane cyane nyuma y'igitero cy'impunzi muri 1990 cyakuruye intambara yayogoye igahakura igihugu no kugeza ubu, havutse amashyamba menshi^{IV}. Amasezerano ya Arusha yatumye amashyamba acikamo ibice, abantu babungera mu mashyamba, ndetse hakababazirwa kwiteganirizaga cyanga bashakira kwigira, bakagira amakarita y'amashyamba menshi.

Kuva FPR yashyamba intambara muri 1990, cyane cyane nyuma y'ishyamba ryo kw'itariki 6/4/1994, FPR imaze kwica Prezida wa Repubulika Nyakubahwa Habyarimana Juvenal Perezida w'u Rwanda, abantu baratsembatsembwe, bamwe bazira ubwoko bwabo abandi bazira ibitekerezo byabo, abanyarwanda bakwira imishyamba n'amahanga. Nta gihugu kw'isi kitarimo impunzi z'abanyarwanda.

Aho duhungiye, abasigaye mu gihugu barayobotse, abatabishoboye bakiza amagara yabo nabo barahungu, abandi bamarirwa muri za gereza. Uko abantu bagenda basohoka mu gihugu cyacu ni ko bagiyeye bashyamba amashyamba, bashyamba cyane cyane ku myumvire y'abo y'ibibazo byabaye n'ibyugariye u Rwanda. Habanje RDR, hakurikiraho "Rwanda pour Tous" na "Nouer" na UDR, haza FRD na CDA, Imbaga-Nyabutatu na ARENA n'andi yaje nyuma. Amashyamba yagerageje kwibumbira hamwe, habanza UFDR, hakurikiraho "IGIHANGO" , hitambikamo CPODR, birakomeza kugeza aho havukiye FDU-Inkingi, nyuma hageragezwa "ODR". Bamwe barakomezanye, abandi batakara mu nzira, abandi bahimba amashyamba mashya, hagira n'abazirukwa. Kwishyira hamwe si igitekerezo kivumbuwe vuba aha.

Vuba aha amashyamba yishyize hamwe, havuka n'andi^V . Hari abantu ejo usanga aha, bugacya ukabasanga ahandi, bashakisha uko banyurwa.

Hashize iminsi abantu baracitse uruhondogo ngo amashyamba yarashyamba, ngo aba n'aba barashyamba amashyamba; abagize ubutwari bakandika mu mazina yabo bwite , abatavugaga ukuri cyanga biyemeje amatiku n'ubutiriganya, cyane cyane iyo ari abantu bamwe bagira ngo babeshye ko ibitekerezo byatanze na benshi, bakiharira imbuga bagatera kandi bakikiriza. Nyamara abantu ntibabuze aho kuvugira ngo bemere biyandikeho ibyo bavugaga. Uru rugamba rwashyamba muri iyi minsi ruraturangaza, kuko atari rwo ruzatuma tubona u Rwanda dushyamba. Gukomeza gusebanya ni ukwikorwa mu nda ndetse bikaviramo no gutiza umulindi uwo duhanganye nyabyo.

Sinzi niba ari ukutumva politiki icyo aricyo cyanga niba ari ugukomeza kujijisha. Abashyamba guhangana mu ibitekerezo nibavugira ku mugaragaro bareke kwihisha inyuma y'amazina atabaho. Gukora politiki si ugusebanya, gukora politiki ni ugutanga ibitekerezo bigaragaza ukwo impinduramatwara ishobora gushyirwa mu bikorwa n'ibyo izagezaho abanyarwanda. Abantu bareke kwitwara nk'aho bashyamba, kandi nta gihugu turabona, nta rubuga rwa politiki dufite. CYBER-POLITIKI si yo izabwohoza abanyarwanda.

Tel : (+250)728636000, (+32)478973762, (+33)650293997, Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

<http://fdu-rwanda.com>, <http://victoire-ingabire.com>

Join us on **Facebook**: <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> - Watch us on **YouTube**: <http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> - Follow us

on **Twitter**: <http://twitter.com/VictoireUmuhoza>

Ijambo “*Haguma Umwami naho Ingoma Irabazwa*” ryagira agaciro muri iki gihe, kuko iyo usomye ibitekerezo amashyaka atangaza, hari menshi atangaza ibintu bimwe ariko bigatandukanwa n’ubitungaza. Iyo umuntu ukeka ko azakuryarya, ni wowe uhitamo gukorana nawe cyanga ukanga. Iyo uvuga ngo umuntu ni inyaryenge ngo akurusha ubwenge, n’ubundi biba bizakugora kumwigobotora. Kereka mutabanye cyangwa ngo mugire icyo muhuliraho ; Nyamara mwabishaka mutabishaka, abazaba bakiriho tuzasangira u Rwanda. Abumva ibyo bitabashishikaje ni bo bakwigira ba “*Nyirantibindeba*”. Ntabwo abantu bakwiye kwokamwa n’indwara yo kwisuzugura ngo barege abandi kwishyira hejuru.

Kwishyira hamwe kw’amashyaka bitekerezwaho bikigwa. Nta shyamba rikwiye guhatirwa kwishyira hamwe n’iryo badahuje imyumvire y’ibibazo n’inzira zo kunyuramo kugira ibyo bibazo bibonerwe umuti. Hari abazishyira hamwe kuko baranzwe n’amateka aya n’aya, cyangwa ikindi cyose kibahuje. Niyo mpamvu abantu badakwiye kwivanga mu bibazo by’ishyamba runaka kuko abarwanashyamba banyu ari bo barebwa n’imikorere y’ishyamba ryabo, bakaba bashobora no kwemeza uwo bifatanye nawe.

Nibyo koko, abantu bashakaga ko ingoma ya FPR na Kagame uyiri kw’isonga bivaho. Ariko byatangazaga abantu bose babona kimwe uko iyo ntego yagerwaho. Yemwe n’abemera Imana byarabananiye kwishyira hamwe. Amadini yose ya gikiristu ashakaga kugeza abantu ku Mana, ndetse no mu’idini rimwe bashobora kutumvikana ku buryo. Mu’idini Gatolika nkomokamo, hari Aba-Yozefiti, Abizera-Mariya, Aba-Karisimatiki, n’abandi. Intambara y’amadini iterwa n’uko hari abashakaga guhatira abandi imisengere yabo y’Imana Imwe rukumbi.

Tureke intambara y’amashyamba mu mahanga no mu buhungiro, azahanganire mu bitekerezo imbere y’abanyarwanda. Tureke abantu bayoboze amashyamba bashakaga: “*Kami k’umuntu ni umutima we*”. Turebe ahubwo uko abanyarwanda bazasubizwa uburenganzira bwabo bwo kwihitiramo ubayobora, bitoranjirije mu bitekerezo binyuranye by’abanyapolitiki. Amajwi y’abanyarwanda niyo azemeza ibitekerezo bibanyuze. Niyo mpamvu nshyigikiye Inama “Ngoboka-gihugu = DIRHI” abanyarwanda bagiramo impaka imbona nkubone.

Abayobozi b’amashyamba ni bo bakwiye guhura, bakaganira, bitari uguterana amagambo ku mbuga, bakareba uko iyo ntego bayigeraho. Si ukugira ngo hagire uyoboka undi cyangwa amuhatire gukorana, ni ukugira ngo barebere hamwe uko babona urubuga rwo gukorera politiki mu Rwanda, hamwe n’abanyarwanda aribo twese twemeza ko duharanira.

Igihe rero icyo kitaragerwaho, mureke umuntu yishyire yizane, aje mu’ishyamba ashakaga, yizihize iminsi mikuru ashakaga, apfukame imbere y’urwibutso igihe kimuguye ku mutima, cyanga agire mu cyunamo igihe ashakagaye, aje mu myigaragambyo ashakaga. Ababishoboye kandi babishakaga bafatanye, abo bitanyuze ntibabiryoze. Abumvikanye ku mpamvu y’inama cyanga imyigaragambyo n’icyo ishakaga kugeraho ,

Tel : (+250)728636000, (+32)478973762, (+33)650293997, Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

<http://fdu-rwanda.com>, <http://victoire-ingabire.com>

Join us on **Facebook**: <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> - Watch us on **YouTube**: <http://www.youtube.com/user/FDUinkingi123> - Follow us

on **Twitter**: <http://twitter.com/VictoireUmuhoza>

bayitegulire hamwe kandi bayikorane ukwo babyumva. Uko biri kwose, nta lisiti yo guhamagariramo abaje mu myigaragambyo, kandi si ubwa mbere imyigaragambyo ibaho. Sinzi niba abahora mu myigaragambyo aribo barimo bateza ubwega cyanga niba hari uwakuruwe mu cyondo kubera ko atitabiriye imyigaragambyo yabaye, kandi ni myinshi mu gihe tumaze mu buhungiro.

Twe gupfa ubusa, turamutse twumvikanye uko tubikorera hamwe, umuntu akemera kugira icyo ahara ku mwihariko wa kamere ye ya “*njye njenyine*” n’ubwigenge bwe, yenda byagenda neza kurushaho. Ariko si kamara. Ababishoboye bazabikore, abatabishoboye nabo bahabwe ituze kandi bubahirwe ihitamo ryabo. Tworoherane, twe kuba nka Kagame ngo “*emera ibyanjye*”, “*emera uko ngutegeka niwanga ngufunge cyanga nkwise*”.

Tureke gutatira igihango cya Demokarasi twimirije imbere, tureke gusebanya, twubahane, twubahe uburenganzira bwa buri muntu bwo gutekereza no guhitamo ibimubereye. Apfa kutagira uwo abangamira.

Mugire amahoro.

Bikorewe i La Haye mu Buholandi kuwa 28 Werurwe 2012.

Mu izina rya Komite Mpuzabikorwa ya FDU-Inkingi

Karoli Ndereyehe

Umujyanama Ushinjwe Ingamba

Contact: Ndereyehe@yahoo.fr

ⁱ <http://www.fdu-rwanda.com/fr/principes-de-base/programme-politique>
<http://www.fdu-rwanda.com/en/principes-de-base/programme-politique>

ⁱⁱ <http://www.musabyimana.net/lire/article/paysage-de-lopposition-politique-rwandaise/index.html>

ⁱⁱⁱ <http://mondesensibleetsciencesociales.e-monsite.com/pages/textes-pedagogiques/sciences-politiques/partis-politiques-francais-histoire-et-idees.html>

^{iv} CDR; MFBP; MRND-(D); MDR; PADER; PARERWA; PDC; PDI; PECO; PL; PPIR; PSR; PSD; RTD; UDPR; FPR na UPR hanze y’igihugu.

^v AMAHORO CONGRE’S PEOPLE ; CNR-INTWARI; FDLR ; FDU-Inkingi; GREEN PARTY; MDHR; MRP ; PDP-IMANZI; PDR-IHUMURE ; PS-IMBERAKURI ; RDI-UMUGAMBI ; RNC ; RPP-IMVURA; RPRK/MONARCHIE ; RUD-URUNANA; UDFR-IHAMYE

Tel : (+250)728636000, (+32)478973762, (+33)650293997, Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

<http://fdu-rwanda.com>, <http://victoire-ingabire.com>

Join us on **Facebook**: <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> - Watch us on **YouTube**: <http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> - Follow us

on **Twitter**: <http://twitter.com/VictoireUmuhoza>